Δ.6 Patrimoine Culturelle 142

Inyandiko-mvugo y'inama ya selire MINISAPASO.

1987

Nyabira 20/12/87

Kigali, le ..9/12/1987

N° 17/5223 /GEN.1.2.2/87

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA SANTE PUBLIQUE
ET DES AFFAIRES SOCIALES
B.P. 84 KIGALI

Entrée le 14 DEC. 1987
N° indicateur 10281
A traiter par ..............
Classement ..............

Comité de cellule
Pour exploitation
16/12/87

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Repubulika,
Prezida Fondateri wa Muvoma Revorisiyoneri
iharanira Amajyambere y'U Rwanda

K I G A L I

24/12/87

Impamvu :

Inyandiko-mvugo y'inama
ya selire MINISAPASO

Nyakubahwa Bwana Prezida,

Nishimiye kubohererereza hamwe n'iyi baruwa inyandiko-mvugo y'inama ya selire ya Ministeri y'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage nayoboye kw'italiki ya 3 Ugushyingo 1987.

Mbifulije amahoro, ishya n'ihirwe no kuramba muli Muvoma yacu.

Prezida wa selire ya Ministeri
y'Ubuzima n'Imibereho Myiza
y'Abaturage
Muganga Kazimiri BIZIMUNGU.

République Rwandaise · Ministère de la Santé Publique et des Affaires Sociales

Bimenyeshejwe :

- Bwana Umunyamabanga Mukuru
  wa M.R.N.D
  K I G A L I
- Bwana Prezida w'Inama y'Igihugu
  iharanira Amajyambere
  K I G A L I
- Bwana Minisitiri (bose)
  .MINESUPRES....
  K I G A L I

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA SELIRE MINISAPASO YABAYE KUWA KABILI TALIKI YA 3 UGUSHYINGO 1987

-=-=-=-=-=-=-=-

Kuwa kabili taliki ya gutatu Ugushyingo, mu nzu ndangamuco ya Gisiramu i Nyamirambo habereye inama yahuje abamilitante n'abamilita ba selire MINISAPASO iyobowe n'Umukuru w'iyo selire Milita Muganga Kazimiri BIZIMUNGU Minisitiri w'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

Mbere y'uko iyo inama itangira, abamilitatante n'abamilita bafatanyije n'Umuyobozi w'iyo selire babanje kwishyushya bakora animasiyo yashojwe n'Umugambi n'umwe Banyarwanda.

Milita Minisitiri Kazimiri BIZIMUNGU yongeye kwibutsa abali mu nama ibikubiye muli Manifeste ya Muvoma yacu, abamenyesha ko Muvoma igamije Ubumwe -Amahoro byose bikatugeza ku Majyambere. Amajyambere tuzayageraho twongera ubukungu bw igihugu buli muntu akora neza akazi ashinzwe maze ubuzima n'imibereho myiza bikiyongera byose bigakorwa mu muco mwiza wa Kinyarwanda. Minisitiri BIZIMUNGU yamenyesheje abamilitante n'abamilita bagize selire ayobora ko hali gushakwa ukuntu hashirwaho uniforme nyarwanda twajya duseruk**a**na ikajya ituranga.

Umukuru wa selire yagize icyo avuga ku ngaga zishamikiye kuli Muvoma.

* Urugaga rw'abakozi (CESTRAR) : yabamenyesheje ko urwo rugaga rwashyizweho, inzego zose zibishinzwe zikaba zararwemeye, zikarusinyira, ko mu mwaka utaha byose bizaba byarangiye rukaba rukora neza.

* Urugaga rw'Abanyarwandakazi mu guharanira amajyambere

Inama ya Komite Nyobozi yemeye amategeko arugenga; ubu igisigaye nuko Perezida wa MRND yayashyiraho umukono.
Prezida w'inama yongeye kwibutsa abali mu nama ko urwo rugaga ntabwo rwashyiriweho kurema umunyarwandakazi mushya, ahubwo rwigisha umumilitante wese gukanguka agaharanira amajyambere y'igihugu cya mubyaye.

* Urugaga rw'urubyiruko rwa Muvoma

Urwo rugaga rurazwi kandi bifuza ko rwajyaho vuba aliko kubera amikoro macye, ni ukureka izashyizweho zikabanza zigafata intege nibyo byatumye rutali rwajyaho

.../...

Naho ibyerekeye inama za Komite ya serire n'iza selire ubwazo Minisitiri BIZIMUNGU yijeje abali aho ko zizajya zikorwa nkuko Manifeste ya Muvoma yacu ibitegeka.

Nyuma y'ibisobanuro rusange byatanzwe n'Umuyobozi w'inama yahise asobanura ibyali k'umurongo w'ibyigwa.
Iyo nama yali igamije kwigira hamwe ibibazo by'abamilitante n'abamilita bafite maze inama ya selire ikagerageza kubishakira ibisubizo. Twasanze ibibazo abagize selire MINISAPASO babajije bigabanyijemo ibice bitatu

.

Ibibazo birebana n'Animasiyo

IKIBAZO 1° Ku byerekeye activités dukora muli animasiyo, ndavuga cyane cyane muli Groupe y'imikino yo kumeza dusanga akenshi kubera ibikoresho bike abantu bataba ntacyo bakoze.

ICYIFUZO : Ese uwakwongeraho (muli yo Groupe) ubundi buryo bwo gukora animasiyo, nko Gufuma, gutaka ku bagore, n'ubundi bukolikoli bwashimisha abagabo nabo bakabukora, ntibyarushaho kuba byiza. Ubwo kandi umuntu yaba anahamenyera ubundi bumenyi bw'ingira kamaro.
Ibyo bikorwa kandi dusanga ntakindi byasaba, kuko umuntu yajya yizanira ibikoresho bye, bityo akungurana ubumenyi na bagenzi be.

IGISUBIZO : Umukuru wa selire yahise abamenyesha ko animasiyo igomba gukorwa munzego nyinshi, aliko rero buli muntu akagira icyo akora, aho kwilirwa ahagaze yabaye indorerezi, niyo mpamvu imikino ikorwa yali ikwiye kuba myinshi kuyali isanzwe hakiyongeraho indi yashimisha abamilitante n'abamilita muli iyo imikino twavuga nk:
- Gushyiraho itorero ry'intore
- Muli athletisme imikino ikorwamo ikiyongera
- Gufuma, kudoka, n'ubundi bukorikori bw'abagore n'abakobwa bigakorwa
- Gushyiraho itorero ry'ikinamico n'ibindi byose bazasanga ali ngombwa kandi byagirira abamilitante n'abamilita ba serire MINISAPASO akamaro.

Uretse imikino serire yacu ikunda gukoramo amarushanwa ikwiye gushyigikirwa kugira ngo irusheho gukomera, (umupira w'amaguru, umupira w'intoki mu rutete, umupira w'intoki mu urushundura, Athletisme, n'itorero groupe-choc) hali n'ibindi bizajya bikorwa mu gihe cy'animasiyo kandi bidufitiye akamaro: nk'inama ya serire aho twese twungurana ibitekerezo, ibiganiro mbwirwa ruhame bizajya bitangwa kugira ngo bitujijure, ndetse n'ibindi byose

.../...

tuzasanga ali ngombwa muli serire yacu bizakorwa.

IKIBAZO cya 2°

Ko n'urwego rw'animasiyo umuntu ajya mu gice iki n'iki akunze ubwo abagore n'abakobwa bakunda umupira w'amaguru ntibashobora kwiyandikisha muli ilyo tsinda bakajya bogeza yenda ko n'ibyo kuwutera nabyo byasaza nyuma ?

IGISUBIZO

Minisitiri nawe yibajije impamvu hatajyaho ikipe y'umupira w'amaguru igizwe n'abategarugori maze abashoboye bakajya bawutera ? Yemeje ko haramutse habonetse ikipe y'abagore bashaka gutera umupira w'amaguru ataba ali bibi aliko tuzabanza dutunganye amakipe aliho mbere wo gushyiraho ayandi

IKIBAZO cya 3°

Hali abamilitante n'abamilita tumaze imyaka muli Groupe-choc kandi tuyikunze aliko ubu batanze imyenda yo guserukana bamwe barayibona abandi barayibura, ahubwo ukumva ngo kanaka na nyirahaka barayibonye kandi wenda baheruka muli animasiyo biyandikisha.,
Abategetsi bacu muli Groupe choc bazi neza ko hali bamwe badafite iyo myambaro haba hali ibiroli byegereje cyangwa Umushyitsi ugiye kuza bagatanga itangazo ngo Groupe Choc buli nyuma ya saa sita ngo n'imyitozo sinzi impamzu baduhamagara twese kandi bazi ko tudafite imyambaro twese, utaza kandi bakaguha zero, tukica akazi ka buli nyuma ya saa sita, n'umunsi w'ibiroli wagera, ukajya kuba indebe-rezi kandi waliyushye icyuya witoza.

IGISUBIZO

Kuli icyo kibazo basanze byose biterwa nuko hali imyenda mike groupe choc igizwe n'abantu 120 aliko bose ntabwo bafite imyenda iyo bitoza barabihorera, nyuma bakazahitamo abambere akaba alibo bahabwa imyenda yo guse-rukana abasigaye rero birumvikana ko batishima ninayo soko y'icyo kibazo kubera ko imyenda ihali ali mike, kandi amikoro akaba ali make yo kugurira buli wese hemejwe ibi bikulikira :

- Imyenda yose yo guserukana igomba kuba iya serire kandi ikabikwa n'umubitsi wa serire (Gestionnaire)
- Imyenda yose izashyirwaho numero kugirango uwo bazayitiza nayifata nabi azamenyekane abihanirwe
- Abazayitizwa mu gihe cyo guseruka, bazajya bayikoresha nibarangiza bayitunganye maze bayigarure ibikwe n'umucungamari wa Minisiteri yacu.

..../....

B. <u>Ibibazo byerekeranye n'amashimwe ahabwa abakozi</u>

IKIBAZO 1°

Uburyo amashimwe atangwa ntibihwitse, nawe kubona umuntu amaze guhabwa commissionnement agahita atangira guha za cote n'abasaza yasanze mu kazi kandi atali yamenya neza uko bakora ubwo ntihalimo abashobora kuharenganira cyane cyane iyo ali umuntu batumvikana ahita ashyiraho ibyo yishakira.

- Hali n'abahita biyandukurira ibyakera maze uwigize kagarara akaba yabona cote nziza naho uwikosoye akaba yagumana cote mbi.
- Cyangwa za cote zigatangwa n'abanyamabanga babo ?

ICYIFUZO

Hakwiye gutanga cote umutu nibura umaze imyaka itanu ku kazi nabwo hagakulikizwa amategeko yabigenewe. Haramutse habuze ufite imyaka itanu ku kazi hagashyirwaho komisiyo yabigenewe yatanga ayo mashimwe.

IGISUBIZO

Mbere y'uko atanga ibisobanuro bihagije byerekeranye na za cote, Umukuru wa serire yasanze icyo kibazo nta shingiro gifite. Niba umuntu mukorana buli munsi ali wowe ushinzwe kumuha akazi, hagomba igihe kingana iki kugira ngo umenye ko akora neza kandi yihutisha imilimo ashinzwe?

- Hagomba igihe cyingana iki, kugira ngo umenye k'umuntu ali umusinzi ku kazi ?
- Hagomba igihe cyingana iki ngo umenye ko umushoferi runaka anyereza lisansi ?
- Hagomba igihe cyingana iki ngo umenye ko umwanditsi runaka cyangwa nyiranaka yandika amakosa ?

Yabamenyesheje na none ko hali igihe ntarengwa ugomba kuba umaranye n'umuntu ugukoresha kugira ngo agire uburenganzira bwo kuguha cote, kandi icyo gihe cyirahagije cyane kugira ngo abe amaze kumenya uko ukora. Ntabwo umuntu mwaba mumaranye icyumweru ngo agukote kandi hali undi mwamaranye amezi 11, uwo mwamaranye igihe kirekire niwe uguha ishimwe.

IKIBAZO cya 2°

Twabazaga igihe umukozi wateye kontaro yakoswe nabi aho yabaliza ? Icyo tukibalije ujya kureba ugasanga baguhaye cote mbi cyangwa baraguhinduriye kandi utarigeze ubona remarques ?

IGISUBIZO

Umukozi wateye kontaro agirana amasezerano na Leta ihagarariwe na Minisitiri Runaka, uba amutegeka, niyo mpamvu rero iyo yumva ko yarenganyijwe n'uguhabwa ishimwe yandikira Minisitiri we kuko aba aliwe basinyanye amasezerano.

.../...

Kuli iki kibazo Minisitiri yongeye kwibutsa abatanga za kote ko bazitanga koko bakurikije ubushobozi n'umurava wa buli muntu. Birababaje kubona muli dosiye y'umuntu nta za remarques zilimo kandi mu gihe cyo gutanga kote ugasanga bamugize ikigwali !
Hali n'abantu usanga barabaye ba Ruvumwa barakandamije abakozi babo,. Abo rero ndabamenyesha ko Muvoma yacu itabashyigikiye, bakwiye kwikosora.

**C. Ibibazo birebana n'akazi umuntu yashinzwe**

IKIBAZO cya 1°

Abapuranto bamwe balibaza impamvu bakoreshwa akazi basinyiye aliko k'ubupuranto nyuma bagakoreshwa n'akazi k'ubuzamu.
Biremewe ko umuntu yakora akazi ahemberwa agakubitiraho n'ako adahemberwa ?

IGISUBIZO

Ubusanzwe umuntu akoreshwa umulimo yatereye kontaro. aliko hali igihe abakozi babura bitewe n'impamvu runaka, bigatuma abakozi bamwe twabiyambaza . Apfagusa kudahembwa amafranga ali hasi y'umushahara bahemba umuntu yasimbuye ku kazi.
Abakozi bagomba guhorana igitekerezo cyo kugerageza gufasha Ministeri mu gihe igisbaka abakozi bakujya muli uwo mwanya; aliko umukozi ukora imilimo ibili uw'ubuzamu n'uwo ubupuranto ntabwo byemewe, uwo rero ubikora ni ukuvuga ko yarenganye. Kuli icyo Kibazo Minisitiri yasabye Umunyamabanga Mukuru kugikurikirana, akamba aho ukuli kuli maze uwarenganye akarenganurwa.

IKIBAZO cya 2°

Abakozi bo mubiro bategura amabarwa bakavaduha ngo tuyandike tugakosora amakosa , nyuma yamara kugera hejuru, n'ukuvuga k'Umuyobozi Mukuru akayahindura, ubwo bakavuga ngo n'ikosa ry'umwanditsi kandi atali we wateguye iyo baruwa, ubwo se koko si akarengane ? Ko umwanditsi atali we ushinzwe gukosora uwateguye ibaruwa nta burenganzira afite bwo guhindura amabaruwa ye.

IGISUBIZO

Kuli icyo kibazo Umuyobozi w'inama yashubije ko cyitagombaga kubalizwa muli iyi nama, cyagombaga kuba cyarabarijwe mu nama zikorwa n'Ubuyobozi Bukuru (Direction Générale) aliko kandi yemera ko niba aliko ikibazo kimeze, abanditsi baba barengana.

./...

Ubusanzwe. Umuyobozi Mukuru niwe ukosora inzandiko zose zivuye mu Buyobozi Bukuru, maze akazohereza zitunganye kugirango izo ngorane ze kuzongera kuboneka uwanditse ibaruwa wese agomba kurwohereza k'Umuyobozi Mukuru hamwe n'inyandiko y'intoki k'uburyo ibizakosorwa byose bajya bamenya aho ikosa ryakorewe. Abanditsi, Ministri yongeye kubamenyesha ko basabwe kwihata, bakikubita agashyi abasaba kuzajya basoma udutabo, kugirango barusheho kwihugura igihe ihugurwa ry'abakozi liteganywa na Ministeri yacu litarakorwa.

D. Ibibazo rusange (divers)

1. Icyifuzo cyerekeranye na Carte des Ayants droit

Nkulikije ibisobanuro byatanzwe n'Umuyobozi w'Ibitaro bya KIGAII. Ku kibazo cyerekeye ikoreshwa rya "Carte d'ayant droit" ku bakozi b'abagore, ndasanga iyo karita igiye kwitiranwa n'indangamuntu kuko ariyo umugore ufite umugabo adashobora kwandikamo abana.

Ntawakwirengagiza ko akenshi ababyeyi b'abagore aribo bavuza abana, none kuki abakora batakoresha ikarita yabo niba bayifite kuko tuzi ko "ayant droit" ari umukozi, uwo bashyimgirarwe n'abo babyaranye ? None se uwo mugore si "ayant droit " none ko atemerewe kuvuza abana yabyaye ?

Tuzi ko bashobora kubaho abashakanye batali kumwe kubera impamvu z'akazi, abana bakabana n'umubyeyi w'umugore,. None se abana baramutse barwaye, umugore yatuma k'umugabo ngo amwohererereze ikarita ye kugirango ashobore kubavuza ? Umugabo se uzaba adafite akazi kamuhesha carte d'ayant droit, umugore yaba ari "ayant droit" bwoko ki niba umugabo n'abana be badashobora kwivuliza ku ikarita ye ?

Igisubizo

Bamaze gusuzuma ikarita y'umumilitante wali aho basanze iliho ifoto y'uwo bashakanye, ubwo rero ni ukwemeza ko naho yaba adakora uwo bashakanye ashobora kuyivurizaho. Basanze nanone hali amazina y'abana be bose, ibyo biremeza ko abobana bafite uburengazira bwo kwivuriza kuli iyo karita. Uwaba yaravuze ko abana batandikwa ku ikarita, kwali ukwibeshya, niyo mpamvu umumilitante ufite ikarita ye kwivurizaho kwa Muganga (carte des ayants droits) afite uburenganzira buhagije bwo kuvuza abana be n'uwo bashakanye uwo bazabyangira azabivuge.

2. Bus zitwara abakozi

Muzi ko Bus zitwara abakozi ziza saa sita kandi amategeko avuga ko tugomba gutaha saa sita top. Twebwe abakorera aho OPHAR yahoze Bus zidutwara zihagarara kuli Finance twagerayo tugasanga zigendeye, ntakuntu mwaduha iminota mike yo kuzamuka kugira ngo tudasanga zadusize?

Igisubizo

Minisitiri yashubije aba bakozi ko kubaha iyo minota atabibemereye ahubwo yabemereye kwandikira abashinzwe gutwara abantu (ONATRACOM) abasaba ngo bus zizajye zihagarara hafi y'aho bakorera akazi nko kuri rond point.

E. Ibibazo by'abakozi bamwe ba Projet Santé Familiale

Dufite ibibazo bitubangamiye cyane tumaranye hafi imyaka irenga ibili :

1. Turabaza impamvu tudashobora kugulizwa nk'abandi ?
   Twagujije Projet batubwira ko nta Budget ihali yo kuguliza abakozi, nta Avance sur Traitement twabonye, ubwo na prêt pour construction nayo ntiyaboneka.

2. Kuki abakozi bamwe ba Projet bahembwa imishahara itarateganyilijwe abakozi ba Leta bali mu rwego rumwe, haho twebwe bakaduhemba bakulikije imishahara y'abakozi ba Leta tuli mu rwego rumwe kandi faveurs Leta ibagirira twe tutazigira (nko kugulizwa), nti tunagire faveurs nkiza baliya dukorana (kudahembwa n'abakozi ba Leta tuli mu nzego zimwe) ?
   Tubaye abande ? Aba projet cyangwa aba Ministeri ?

ICYIFUZO

Twifuzaga ko twaba abakozi ba Projet tugahembwa umushahara wagenwe na projets, cyangwa niba tuli aba Ministeri, batugulize nk'abandi none se twabaho gute ?

Igisubizo

Umukuru wa seire MINISAPASO yashubije icyo kibazo atya :
Umukozi wa projet runaka akora kandi agahembwa akulikije amategeko n'amabwiliza agenga iyo projet, umukozi wa Ministeri nawe afite amategeko amugenga, yongera kubamenyesha ko projet santé familiale yatangiye aliko amategeko agenga imicungire y'umutungo wayo atarasohoka, ubwo rero namara gusohoka ibibazo byinshi bihali bizabonerwa ibisubizo. Yabijeje kandi ko bakora umunsi n'ijoro kugira ngo ayo mategeko asohoke vuba. Abemerera ko mu minsi mike azaba yasohotse.
Kubyerekeye ikibazo cya 2 cyirebana n'imishahara, ushinzwe projet (Dr NTEZIRYIMANA Antoine) yabisobanuye muli aya magambo :"Umwanya w'umwa Architecte wali wateganyilijwe umunyamahanga wali kuzajya ahembwa hafi ibihumbi 800.000, nyuma twasabye ko hashyirwaho umwenegihugu ubishoboye, muli uwo mwanya akagenerwa umushahara utubutse kuko ahembwa nka consultat, Naho abandi imishahara yabo, ingana n'iyo abo banganya akazi bakora mu bigo bigengwa na Leta. Uretse ko ali ibyerekeye imishahara, ali ibyerekeye kugurizwa byose bizabonerwa ibisubizo igihe amategeko agenga imicungire y'imali ya Projet azaba yasohotse,

.../...

mwihangane rero ayo mategeko ali hafi gusohoka.

Nyuma umumilitante yaje kubaza impamvu ibikorerwa mu nama ya Cabinet iyo atali amabanga, bitamenyeshwa abamilitante n'abamilita ba selire yacu ? Ukumva ngo Minisitiri yagiye i Bunaka abakozi be batabizi ?

Igisubizo

Ieyo kibazo Ministiri yasanze gifite ishingiro, vasabye ko ibyemezo byose n'ibitekerezo byose, n'ibyifuzo byose (aliko bitali amabanga) byazajya bimenyeshwa abamilitante n'abamilita ba selire yacu, Abayobozi bakuru b'imilimo basabwe gukora uko bashoboye kugira ngo abakozi bamenyeshwe hakili kare ibyakorewe mu nama ya cabinet bitali amabanga. Minisitiri yongeye kwibutsa amabwiliza yatangiye mu nama ya cabinet amenyesha abayobozi bakuru b'imilimo ko bazajya bakoresha inama abo bashinzwe kuyobora, nizo zizajya zigirwamo ibibazo byinshi by'abakozi.

Ministiri w'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage yarangije inama ya selire ayobora, ashimira cyane abamilitante n'abamilita, ubuhanga n'ubwitonzi buzira umuvundo berekanye muli iyo nama, bahita bacishaho animasiyo yashojwe n'Umugambi ni umwe Banyarwanda, inama irangira saa kumi n'imwe zuzuye.

Umuyobozi w'Inama akaba na Prezida
wa Selire ya Ministeri y'Ubuzima
n'Imibereho Myiza y'Abaturage
Muganga Kazimiri BIZIMUNGU.

Umwanditsi w'Inama akaba n'umwe
mu bagize Komite ya Selire
MINISAPASO
Gaspard KAREMERA.

République Rwandaise
Ministère de la Santé Publique et des Affaires Sociales